# >>> IMPARIRWAMIHIGO ZA NYAMAGABE NEWSLETTER <<<

NZERI 2023

## UMUYOBOZI W' AKARERE YITABIRIYE INAMA Y' URWEGO RW' IGIHUGU RUSHINZWE IBY' ISANZURE MU RWANDA (RWANDA SPACE AGENCY) YAYOBOWE NA GUVERINERI W' INTARA Y' AMAJYEPFO

>>> SOMA PAJI YA 2




>>> SOMA PAJI YA 5

## PEREZIDA W' INAMA NJYANAMA Y' AKARERE YAYOBOYE INAMA ISANZWE Y' INAMA NJYANAMA YAGANIRIWEMO INGINGO ZINYURANYE



SOMA PAJI YA 11 <<<

## UMUYOBOZI W' AKARERE YATANGIJE URUGERERO RW' INKOMEZABIGWI, IKICIRO CYA 11/2023 ASABA URUBYIRUKO KWIRINDA INGESO MBI





>>> SOMA PAJI YA 14

## ITSINDA RYA BAMWE MU BAGIZE INTEKO ISHINGAMATEGEKO YA DENMARK RYASUYE INKAMBI YA KIGEME RIREBA IBIKORWA BY' IMPUNZI BIRIMO IBY' UBUHINZI

# UMUYOBOZI W' AKARERE YITABIRIYE INAMA Y' URWEGO RW' IGIHUGU RUSHINZWE IBY' ISANZURE MU RWANDA (RWANDA SPACE AGENCY) YAYOBOWE NA GUVERINERI W' INTARA Y' AMAJYEPFO




**Guverineri w' Intara y' Amajyepfo Madame Alice KAYITESI**

Ku wa 20 Nzeri 2023, ku Biro by' Intara y' Amajyepfo, Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yitabiriye inama Abayobozi bo mu Ntara y' Amajyepfo barimo ab' Uturere n' abandi basobanuriwemo imikorere y' Urwego rw' Igihugu rushinzwe iby' Isanzure (Rwanda Space Agency).

Guverineri w' Intara y' Amajyepfo Madame Alice Kayitesi yagaragaje ko Intara ndetse n' Igihugu muri rusange bifite intego yo gukoresha ikoranabuhanga mu rwego rwo kwihutisha iterambere.

Yaragize ati: "Nk' uko tubizi, Igihugu cyacu cyashyizeho uru rwego rwitezweho byinshi mu kwihutisha iterambere. Aya ni amahirwe yo kugira ngo twumve icyo isanzure ari cyo, ibyagezweho, icyerekezo ndetse n' uruhare twitezweho nk' Abafatanyabikorwa mu rwego rw' isanzure (Space Sector)".

Muri iyi nama kandi hagaragarijwemo uko ikoranabuhanga rishobora kwifashishwa muri byinshi birimo Itumanaho (Satellite communications), mu mashusho aturuka ku byogajuru yifashishwa mu nzego zitandukanye (Earth Observation) ndetse no kuyobora abantu n' ibintu (Navigation).



**Abayobozi b' Uturere bari mu bitabiriye inama yateguwe na RSA**



**Abakenera serivisi zituruka ku ikoranabuhanga rishingiye ku isanzure na bo bari bitabiriye iyi nama**

# UMUYOBOZI W' AKARERE YASHYIKIRIJE ABASHINZWE UBUHINZI MU MIRENGE MUDASOBWA ABASABA KUZIBYAZA UMUSARURO



**Meya ashyikiriza Agronome uhagarariye abandi, Mudasobwa izamufasha kunoza akazi**

Ku wa 11 Nzeri 2023, Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yashyikirije Abashinzwe Ubuhinzi mu mirenge yose igize Akarere, mudasobwa abasaba kunoza akazi bakora ndetse bakihatira gukoresha ikoranabuhanga.

Izi Mudasobwa, aba bashinzwe ubuhinzi mu mirenge bazihawe nyuma y' inama yarebaraga hamwe uko Akarere gahagaze mu gutegura imirima no gutera ndetse n' uko abahinzi bari kwitabira kwiyandikisha muri Smart Nkunganire.



**Abahawe mudasobwa basabwe kunoza akazi bakora bihatira gukoresha ikoranabuhanga**

Gahunda yo guha abashinzwe Ubuhinzi mu mirenge mudasobwa ni umwanzuro w' inama yahuje Minisiteri y' Ubuhinzi n' Ubworozi(MINAGRI), iy' Ubutegetsi bw' Igihugu (MINALOC), ba Guverineri b' Intara, Abayobozi b' Uturere, Abayobozi b' Amashami y' Ubuhinzi n' Ubworozi mu Turere, Abavuzi b' amatungo n' abashinzwe Ubuhinzi mu mirenge yose igize Igihugu wabereye I Nyamata mu Karere ka Bugesera kuva ku wa 03 kugeza ku wa 04 Nzeri 2023 yiga ku kongera umusaruro w' Ubuhinzi n' Ubworozi.



**Ifoto y' urwibutso, abahawe mudasobwa bishimira ko zigiye gutuma barushaho kunoza akazi kabo**

Leta y' u Rwanda iri gushyira imbaraga nyinshi mu buhinzi aho Abanyarwanda bari gusabwa guhinga ubutaka bwose buhingwa ndetse bagakoresha inyongeramusaruro aho ibunganira ku ifumbire mvaruganda.

Abahinzi kandi bashishikarizwa gushyira mu bwishingizi ibihingwa byabo.

# UMUYOBOZI W' AKARERE YAYOBOYE INAMA Y' IMICUNGIRE Y' IBIZA



**Umuyobozi w' Akarere ayoboye inama ku micungire y' ibiza**

Ku wa 14 Nzeri 2023, Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yayoboye inama y' imicungire y' ibiza yarebeye hamwe uko imibereho y' abakuwe mu byabo n' ibiza byatewe n' imvura nyinshi yaguye hagati y' Ukwezi kwa Werurwe na Gicurasi uyu mwaka wa 2023 yifashe.

Muri rusange byagaragaye ko imibereho y' abakuwe mu byabo n' ibiza itifashe neza, hafatwa ingamba z' uko hagiye gukorwa ibishoboka byose igahinduka.



**Umwe mu bagize Komite y' Imicungire y' Ibiza asobanura uko abakuwe mu byabo n' ibiza by' imvura yaguye mu Itumba riheruka babayeho**

Nyuma y' iyi nama, Meya Hildebrand NIYOMWUNGERI yakiriye itsinda ry' Abakozi ba Minisiteri Ishinzwe Ibikorwa by' Ubutabazi(MINEMA) riyobowe na Christine Hitimana NIYOTWAMBAZA, Umuyobozi Mukuru ushinzwe kugenzura no kwitegura gukumira ibiza, rije kureba uko Akarere ka Nyamagabe kiteguye gufasha abashobora kugirwaho ingaruka n' ibiza muri iki gihe cy' imvura y' Umuhindo.



**Itsinda ryari riturutse muri minema rije kureba uko imibereho y' abakuwe mu byabo n' ibiza babayeho**

Iri tsinda ryashimye uko Akarere kiteguye mu bijyanye no gufasha abashobora kugirwaho ingaruka n' ibiza ariko rinatanga inama zirimo iy' uko Command Posts z' imicungire y' ibiza zatangira gukora.

Hari kandi n' iy' uko byibura buri Murenge wagira ahantu ho guhungishiriza abibasiwe n' Ibiza (Evacuation Site), noneho ku rwego rw' Akarere hakaba hari inini. Iyatoranyijwe ni iya Musebeya.

# PEREZIDA W' INAMA NJYANAMA Y' AKARERE YAYOBOYE INAMA ISANZWE Y' INAMA NJYANAMA YAGANIRIWEMO INGINGO ZINYURANYE



**Perezida wa Njyanama y' Akarere ubwo yari ayoboye inama isanzwe y' Inama Njyanama**

Ku wa 26 Nzeri 2023, Umuyobozi w' Inama Njyanama y' Akarere Madame Clothilde UWAMAHORO yayoboye inama isanzwe y' Inama Njyanama yize ku ngingo zinyuranye.

Muri izo harimo iy' umushinga wo gutanga amapikipiki ku Banyamabanga Nshingwabikorwa b' Utugari mu rwego rwo kubafasha mu kuzuza neza inshingano zabo.

Yarebeye hamwe kandi aho itangwa ry' amasoko ya Leta y' Umwaka wa 2023-2024 rigeze rishyirwa mu bikorwa mu Karere ka Nyamagabe, inemeza gahunda y' itangwa ry' amasoko ivuguruye.

Iyi nama kandi yasuzumye ishyirwa mu bikorwa ry' inama zatanzwe n' Umugenzuzi Mukuru w' Imari ya Leta muri raporo ye y' Umwaka wa 2021-2022 n' ibindi.



**Meya NIYOMWUNGERI akaba n' umwe mu Bajyanama mu Karere agaragaza bimwe mu byakozwe mu gihembwe cya mbere cya 2023-2024**



**Iyi nama isanzwe y' Inama Njyanama iba rimwe mu gihembwe**

# DIYOSEZE YA GIKONGORO YUNGUTSE PARUWASI NSHYA YA KIBUMBWE



**Paruwasi Gatolika ya Kibumbwe yatashywe yitiriwe Mutagatifu Tereza w' Umwana Yezu**

Ku wa 02 Nzeri 2023, habaye umuhango wo gutaha Paruwasi nshya ya Kibumbwe yubatse mu Murenge wa Kibumbwe.

Umuhango wo gutaha iyi Paruwasi ya Kibumbwe yaragijwe Mutagatifu Tereza w' Umwana Yezu wayobowe na Nyilicyubahiro Musenyeri Célestin HAKIZIMANA, Umushumba wa Diyoseze ya Gikongoro.

Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage mu Karere ka Nyamagabe Madame Agnès UWAMARIYA wari Umushyitsi Mukuru muri uyu muhango yizeje ubufatanye muri byose iyi Paruwasi ya Kibumbwe na Diyoseze ya Gikongoro muri rusange.



**Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage Agnès UWAMARIYA ni we wari Umushyitsi Mukuru muri uyu muhango.**

Uyu muhango wo gutaha Paruwasi ya Kibumbwe wanitabiriwe kandi n' Abanyamabanga Nshingwabikorwa b' Imirenge ya Kaduha, Cyanika na Gasaka.

Iyi Paruwasi ya Nshya ya Kibumbwe yaragijwe Tereza w' Umwana Yezu yahise inahabwa Abapadiri 2 bagiye gukomeza gukorana n' Abakirisitu mu gutuma ikura mu buryo bwose.



**Umushumba wa Diyoseze ya Gikongoro Célestin HAKIZIMANA ni we wayoboye uyu muhango wo gutaha Paruwasi ya Kibumbwe**

## UMUYOBOZI W' AKARERE WUNGIRIJE USHINZWE IMIBEREHO MYIZA YAYOBOYE INAMA YIZE KU MIBEREHO Y' ABAHOHOTEWE



Abitabiriye inama ya IOSC

Ku wa 13 Nzeri 2023, Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage mu Karere ka Nyamagabe Madame Agnès UWAMARIYA yayoboye Inama Mpuzabikorwa ya Isange One Stop Center (IOSC) yarebeye hamwe uko ibikorwa byo mu gihembwe cya mbere birimo icyo gufasha gusubira mu buzima busanzwe abahohotewe byagenze n' uko ibibazo byaba bikigaragara muri IOSC byakemuka n' ibindi.

Abakozi bashinzwe kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina muri Isange One Stop Center zo ku Bitaro bya Kigeme na Kaduha bishimiye ko ibibazo bari bagaragaje mu nama yabanje byakemutse, bakaba bizeye ko n' ibisigaye birimo kuba ahakirirwa abahohotewe hadahagije, na byo bizabonerwa igisubizo.



Vice- Mayor ASOC ni we wayoboye iyi nama

Umuyobozi w' Akarere wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage mu Karere ka Nyamagabe Madame Agnès UWAMARIYA yasabye abashinzwe kwita ku bahohotewe kubakurikirana kugeza bahawe ubutabera.

Bumwe mu bufasha buhabwa uwahuye n' ihohotera rishingiye ku gitsina harimo guhabwa imiti imurinda kwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina nka SIDA, kumuha imiti imurinda gusama iyo ari uw' igitsina-gore, kumuha ubuvuzi, kuganirizwa, guhabwa amafunguro, kumufasha kongera gusubizwa mu buzima busanzwe no kumukurikirana.



Komite ya Isange One Stop Center iba irimo n' Inzego z' Umutekano

# UMUYOBOZI W' AKARERE YAYOBOYE INTEKO Y' ABATURAGE MU MURENGE WA MUGANO



**Umuyobozi w' Akarere yayoboye Inteko y' Abaturage mu Murenge wa Mugano**

Ku wa 19 Nzeri 2023, Umuyobozi w' Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yayoboye Inteko y' Abaturage mu Kagari ka Ruhinga, mu Murenge wa Mugano, aho yasabye Abaturage kwihutira guhinga no gutera ubutaka bwose buhingwa muri iki gihe cy' Umuhindo mu rwego rwo kwihaza mu biribwa no kurwanya ubukene.

Buri wa Kabiri, hirya no hino mu Tugari haba Inteko z' Abaturage. Ni ku bw' iyo mpamvu ku wa 19 Nzeri 2023, Abaturage bo mu Kagari ka Ruhinga, mu Murenge wa Mugano bifatanyije n' Umuyobozi w' Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI aho yabibukije ko bagomba gutangira guhinga no gutera ubutaka bwose buhingwa.



**Umuyobozi w' Akarere yasabye Abaturage ba Mugano guhinga ubutaka bwose buhingwa**

Yaragize ati: "Tugeze mu gihe cy' Umuhindo, murabona ko imvura yatangiye kugwa, mugomba guhinga ndetse mukanatera ubutaka bwose buhingwa mu rwego rwo kwihaza mu biribwa no kurwanya ubukene. Utazashobora kubyaza umusaruro ubutaka afite, buzatizwa ubishoboye kugira hongerwe umusaruro. Ntabwo dushaka ko hagira ubutaka burara."

Iyi Nteko y' Abaturage kandi ibaye mu gihe habura iminsi mike ngo Umwaka w' Amashuri wa 2023-2024 utangire. Meya NIYOMWUNGERI yibukije Ababyeyi ko bagomba kujyana Abana babo ku Ishuri mu rwego rwo kubarinda ubuzererezi.

Yabasabye kandi kwirinda amakimbirane yo mu ngo ndetse n' ubusinzi kuko na byo ari bimwe mu bituma Abana bishora mu ngeso mbi.

Muri iyi Nteko y' Abaturage hanabayeho umwanya wo kwakira ibibazo, maze ku bufatanye n' Ubuyobozi bw' Umurenge, ubw' Akagari n' Abaturage ubwabo bihabwa umurongo.



# MU KARERE HABEREYE UBUKANGURAMBAGA KU NYAMA ZUJUJE UBUZIRANENGE




**Mu Gihugu hose habaye ubukangurambaga ku nyama zujuje ubuziranenge**

Ku wa 08 Nzeri 2023, kimwe n' ahandi hose mu Gihugu no mu Karere ka Nyamagabe habereye ubukangurambaga ku nyama zujuje ubuziranenge, Abaturage bibutswa ko inyama zose zigemuwe ku masoko zigomba kuba nibura zimaze amasaha 24 mu byumba bikonjesha byo mu mabagiro yemewe.

Kurya inyama bifite uruhare runini mu buzima bwiza bw' umuntu. Gusa na none si ukurya inyama zibonetse zose, kuko bisaba kuba zuzuje ubuziranenge.

Mu rwego rwo gusobanurira Abaturarwanda inyama zuzuje ubuziranenge izo ari zo, ku bufatanye na Minisiteri y' Ubucuruzi n' Inganda(MINICOM), Ikigo cy' Igihugu gishinzwe Ubugenzuzi bw' Ubuziranenge, Ihiganwa mu bucuruzi no kurengera Umuguzi(RICA) cyakoze ubukangurambaga ku nyama zuzuje ubuziranenge.



Mu Karere ka Nyamagabe, ubu bukangurambaga bwabereye mu Murenge wa Tare, mu Isanteri y' Ubucuruzi ya Gasarenda.

Dr. Gaspard SIMBARIKURE, Umukozi wa RICA ushinzwe gutanga ibyangombwa avuga ko inyama zuzuje ubuziranenge ari iz' itungo ryabazwe neza kandi ritahohotewe ndetse rikabagirwa ahabugenewe.

Avuga ko kandi mbere yo kubagwa, iri tungo riba rigomba guhabwa amazi meza gusa kandi rikaruhuka nibura amasaha 24.

Inyama zose zigemuwe ku masoko zigomba kandi kuba nibura zimaze amasaha 24 mu byumba bikonjesha byo mu mabagiro yemewe. Zigomba kandi kuba zagenzuwe na Muganga w' Amatungo wemewe.



**Dr. Gaspard SIMBARIKURE ushinzwe gutanga ibyangombwa muri RICA asobanura inyama zuzuje ubuziranenge**

Ubu bukangurambaga ku nyama zuzuje ubuziranenge bwakozwe n' Ikigo cy' Igihugu gishinzwe Ubugenzuzi bw' Ubuziranenge, Ihiganwa mu bucuruzi no kurengera Umuguzi(RICA) bufite insanganyamatsiko igira iti: "Inyama zuzuje ubuziranenge kuri bose"

# ABASENATERI BASOJE URUZINDUKO BAGIRIRAGA MU KARERE BASHIMA UKO ABAVUYE MU BIGO NGORORAMUCO BAFASHWA GUSUBIRA MU BUZIMA BUSANZWE

Ku wa 26 Nzeri, itsinda ry' Abasenateri bo muri Komisiyo y' Imibereho y' Abaturage n' Uburenganzira bwa Muntu ryari rigizwe na Honorable Sénateur Nkurunziza Innocent na Honorable Kanziza Epiphanie ryasoje uruzinduko rwari rugamije kureba uko gahunda yo guherekeza no gusubiza mu buzima busanzwe abagororerwa mu Bigo Ngororamuco ishyirwa mu bikorwa ryagiriraga mu Karere.



**Abasenateri ubwo basozaga uruzinduko bagiriraga mu Karere**

Ubwo yabakiraga, Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA yababwiye ko abasezerewe mu Bigo Ngororamuco bo mu Karere ka Nyamagabe bafashwa gusubira mu buzima busanzwe binyuze muri gahunda zinyuranye zibafasha kwiteza imbere.



**Vice- Mayor ASOC ni we wakiriye aba Basenateri ku Biro by' Akarere**



**Vice- Mayor FED ni we wakiriye Abasenateri mu Kigo Ngororamuco cya Nyamagabe**

Mbere yuko aba Basenateri bakirwa n' Umuyobozi w' Akarere Wungirje Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage, babanje gusura Ikigo Ngororamuco cya Nyamagabe giherereye mu Murenge wa Gatare kigororerwamo abagera ku 1496, bakirwa n' Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry' Ubukungu Bwana Thadée HABIMANA.

Basuye kandi Koperative Duhuzimbaraga igizwe n' Urubyiruko rwavuye mu Bigo Ngororamuco, rukaba rufite ibikorwa byo kubumba Amapave mu Mujyi wa Nyamagabe.

Muri rusange aba Basenateri bishimiye uburyo Akarere ka Nyamagabe gafasha guherekeza no gusubiza mu buzima busanzwe abagororerwa mu Bigo Ngororamuco, basaba ko kashyira imbaraga mu muryango kigisha indangagaciro zibereye Umunyarwanda no kurushaho gufatanya n' Abafatanyabikorwa barimo Amadini n' Abafatanyabikorwa mu kurwanya ubuzererezi.

## UMUYOBOZI W' AKARERE YATANGIJE URUGERERO RW' INKOMEZABIGWI, IKICIRO CYA 11/2023 ASABA URUBYIRUKO KWIRINDA INGESO MBI



**Umuyobozi w' Akarere yifatanyije n' Urubyiruko mu muganda wo gutangiza Urugerero 11**

Ku wa 25 Nzeri 2023, Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yatangirije ku rwego rw' Akarere mu Murenge wa Musange, Urugerero rw' Inkomezabigwi, Ikiciro cya 11 hasizwa ikibanza kigiye kubakwamo ibyumba by' Amashuri 3 kuri GS Musange.






**Ubwo hatangizwaga Urugerero rw' Inkomezabigwi, Ikiciro cya 11 mu Karere ka Nyamagabe hatunganyijwe ikibanza kizubakwaho ibyumba by' Amahuri 3 muri GS Musange**

Meya Hildebrand NIYOMWUNGERI yasabye uru Rubyiruko gushyira imbaraga mu byo rukora rwirinda kwishora mu ngeso mbi izo ari zo zose, kandi rukimenyereza kubazwa inshingano hakiri kare.

Yaragize ati: "Rubyiruko, niba mushaka guhamya umuco w' ubutore, mugendere kure ubusinzi n' ibiyobyabwenge ndetse n' ibikorwa byose biganisha ku kuba imbata y' ikintu kitari cyiza kuko na cyo ari nk' ikiyobyabwenge. Mugomba kandi kurangwa n' umuco wo gukunda umurimo ari na ko mwitoza kubazwa inshingano hakiri kare.

Intumwa ya Minisiteri y' Ubumwe bw' Abanyarwanda n' Inshingano Mboneragihugu MINUBUMWE) Bwana Donatien NIKUZE yasabye uru Rubyiruko rutangiye Urugerero rw' Inkomezabigwi, Ikiciro cya 11 kurangwa n' Ubumwe ndetse n' Ubupfura.

Urubyiruko rwitabiriye Urugerero rw' Inkomezabigwi mu murenge wa Musange rugera kuri 87 mu gihe mu Karere kose ari 756.

Urugerero rw' Inkomezabigwi rwatangiye kuri uyu wa 25 Nzeri 2023, rukaba ruzasozwa ku wa 18 Ukuboza 2023.

Bimwe mu bikorwa uru Rubyiruko ruzibandaho ku Rugerero birimo guhangana n' ibibazo bibangamiye imibereho myiza y' abaturage (Human Security Issues) aho ruzabifashwamo na rugenzi rwarwo rwoherejwe n' Umuryango CORPS AFRICA.

# ABAKOZI B’ AKARERE BAKOREYE URUGENDOSHURI MU TURERE TWA GATSIBO NA KIREHE NA TWO DUFITE INKAMBI Z’ IMPUNZI



**Umuyobozi w’ Akarere ka Gatsibo Gasana Richard asobanurira Itsinda ryaturutse mu Karere ka Nyamagabe imikorere y’ Akarere ayobora**

Mu rwego rwo kwigiranaho uko imibereho y’ Impunzi ziba mu Nkambi n’ abaturanye na zo yarushaho kuba myiza, itsinda ry’ Abakozi b’ Akarere bakorera ku rwego rw’ Akarere no ku rw’ Imirenge, Abakozi b’ Inkambi ya Kigeme na bamwe mu Baturage bo mu mirenge yegeranye n’ iyi Nkambi bakoreye Urugendoshuri rw’ iminsi 4 mu Turere twa Gatsibo na Kirehe na two dufite Inkambi z’ Impunzi.

Kuva ku wa 20 kugeza ku wa 23, iri tsinda ryari riyobowe n’ Umuyobozi w’ Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y’ Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA ryasuraga ibikorwa binyuranye byo muri utu Turere byiganjemo ibihuriweho n’ Impunzi ziba mu Nkambi ndetse n’ Abanyarwanda baturanye na zo.

Mu Karere ka Gatsibo gafite Inkambi ya Nyabiheke, iri tsinda ryasuye igishanga cya Nyabicwamba gifite ubuso bwa Hegitari 29 giherereye mu Murenge wa Gatsibo, kikaba gihingwamo ibigori na soya na Koperative Duhuzimbaraga ihuriweho n’ Impunzi ziba muri iyi Nkambi ndetse n’ Abanyarwanda baturanye na yo.

Muri uyu Murenge kandi iri tsinda ryasuye Koperative y’ ubudozi bw’ imyenda yitwa Koperative Twitezimbere Abadozi Gatsibo(KOTAG) na yo ihuriweho n’ Impunzi zo muri iyi Nkambi ya Nyabiheke ndetse n’ Abanyarwanda baturanye na yo.

Mu Karere ka Kirehe gafite Inkambi y’ Impunzi nini kurusha izindi mu Rwanda ari yo ya Mahama, itsinda ry’ Abakozi b’ Akarere bakorera ku rwego rw’ Akarere no ku rw’ Imirenge, Abakozi b’ Inkambi ya Kigeme na bamwe mu baturage bo mu mirenge yegeranye n’ iyi Nkambi basuye ibikorwa by’ Ubuhinzi n’ Ubworozi na byo bihuriweno n’ Impunzi ndetse n’ Abanyarwanda baturanye na zo.



**Itsinda ry’ Abakozi b’ Akarere ryari riyobowe na VM Asoc ryakiriwe neza n’ Abaturage bo muri Gatsibo**

Ubwo ni Ubuhinzi bw’ ibihumyo bukorwa n’ Abakobwa batewe inda zitateganyijwe n’ Ubworozi bw’ inka zisaga 100.



**Ubu buhinzi bw’ ibihumyo bukorerwa mu Nkambi ya Mahama ibarizwa muri Kirehe bukorwa n’ abakobwa batewe inda zitateagnijwe**



**Ubworozi bw’ inka mu Nkambi ya Mahama buhuriweho n’ Impunzi ndetse n’ Abanyarwanda**

Mu bindi iri tsinda ryasuye harimo Koperative KOIRWI ihinga ibigori bisimburana n’ ibishyimbo na Rwimbogo Dairy Cooperative ifite ikusanyirizo ry’ amata, zombi zikaba ari izo mu Murenge wa Rwimbogo, mu Karere ka Gatsibo.

Ryasuye kandi Amatorero y’ Umudugudu akora neza. Ayo ni iry’ Umudugudu wa Bwiza, mu Kagari ka Mpundwa n’ iry’ Umudugudu wa Gikuye, mu Kagari ka Rubira. Yombi ni ayo mu murenge wa Gitoki.

Umuyobozi w’ Akarere ka Gatsibo Gasana Richard wakiriye iri tsinda, yarisobanuriye imikorere n’ akamaro k’ Icyumba Ntangamakuru (Situation Room) ndetse n’ uburyo babika inyandiko hifashishijwe uburyo bw’ ikoranabuhanga.

Umuyobozi w’ Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y’ Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA wari uyoboye iri tsinda yashimye uburyo Ubuyobozi bw’ Uturere twombi twabakiriye.

Yavuze ko hari byinshi bigiye muri uru Rugendoshuri ndetse biteguye kubisangiza abo basize, ariko na we abasaba ko baza kwigira ku dushya two mu Karere ka Nyamagabe.




**VM ASOC ashima uburyo itsinda yari ayoboye ryakiriwe mu Ntara y’ Iburasirazuba**

## ITSINDA RYA BAMWE MU BAGIZE INTEKO ISHINGAMATEGEKO YA DENMARK RYASUYE IBIKORWA BINYURANYE BY' IMPUNZI ZO MU NKAMBI YA KIGEME



**Itsinda ryaturutse muri Dnmark ryakiriwe mu gishanga cya Mushishito**

Ku wa 29 Nzeri 2023, Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry' Ubukungu mu Karere Bwana Thadee HABIMANA yakiriye Itsinda rya bamwe mu bagize Inteko Ishingamategeko ya Denmark basuye Inkambi y' Impunzi ya Kigeme n' Igishanga cya Mushishito gihingwamo n' Impunzi zo muri iyi Nkambi zifatanyije n' Abanyarwanda baturanye na yo.

Uru ruzinduko rw' Abagize Inteko Ishingamategeko y' Ubwami bwa Denmark mu Nkambi ya Kigeme rwari rugamije kureba ibyo bakeneye cyane cyane mu bijyanye n' Ubuvuzi ndetse n' imibereho muri rusange.



**Birgitte Vind ni we wari uyoboye itsinda ryaturutse muri Denmark**

Birgitte Vind wari uhagarariye iri tsinda ryaturutse muri Denmark yavuze ko yishimiye gusura ibikorwa bihuriweho n' Impunzi zo mu Nkambi ya Kigeme n' Abanyarwanda baturanye na yo.

Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry' Ubukungu Bwana Thadée HABIMANA wakiriye iri Tsinda yashimye ubufatanye buri hagati y' izi Mpunzi n' Abanyarwanda mu kwiteza imbere no guteza imbere Akarere muri rusange ndetse anashimira Ubwami bwa Denmark ku nkunga ya bwo ku Mpunzi.



**Vice- Mayor ushinzwe Iterambere ry' Ubukungu yashimiye Igihugu cya Denmark ku bw' inkunga kigenera Impunzi z' i Kigeme**

Igihugu cya Denmark ni igihugu cya 3 ku Isi mu bitera inkunga Ishami ry' Umuryango w' Abibumbye ryita ku Mpunzi UNCHR.

Inkunga itera ibikorwa byo mu gishanga cya Mushishito ifasha Impunzi zo mu Nkambi ya Kigeme n' Abanyarwanda basaga 1500 kwiteza imbere.

Inkambi y' Impunzi ya Kigeme icumbikiye Impunzi zo muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo zisaga ibihumbi 14.

## UMUGANDA RUSANGE USOZA UKWEZI KWA NZERI MU KARERE WAHARIWE IBIKORWA BYO GUSIBURA UMUYOBORO W' URUGANDA RW' AMAZI RWA GISUMA



**Perezida w' Inama Njyanama y' Akarere yifatanyije n' Abaturage ba Gasaka mu Muganda usoza ukwezi kwa Nzeri**

Kuri uyu wa 30 Nzeri 2023, Perezida w' Inama Njyanama y' Akarere Clothilde UWAMAHORO ari kumwe n' Umuyobozi w' Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI, uhagarariye Inkeragutabara mu Karere Lt Colonel John Agaba n' izindi nzego z' Umutekano zitandukanye bifatanyije n' Abaturage bo mu Murenge wa Gasaka mu Muganda Rusange usoza ukwezi kwa Nzeri 2023 aho basibuye Umuyoboro w' Uruganda rw' Amazi rwa Gisuma wangijwe n' imvura imaze iminsi igwa.



**Umuganda usoza ukwezi kwa Nzeri ku rwego rw' Akarere Inzego zose zawitabiriye zawukoranye ingufu zidasanzwe**

Nyuma y' uyu Muganda, Umuyobozi w' Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yashimiye Abaturage ku bw' ingufu bagaragaje muri uyu muganda ariko abasaba gufata amazi yo ku nzu mu rwego rwo kwirinda ko iki kibazo cyazongera kuba.

Meya NIYOMWUNGERI kandi yahaye aba Baturage ubutumwa bwa Minisiteri y' Ubutegetsi bw' Igihugu MINALOC bujyanye no guhinga ubutaka bwose buhingwa, ubwo kugira isuku aho batuye no ku mubiri no kwirinda ibiyobyabwenge.



**Meya NIYOMWUNGERI yasabye Abaturage kwirinda ibiyobyabwenge ndetse bakagira isuku**

Yabahaye kandi ubutumwa bwa Minisiteri y' Ubumwe bw' Abanyarwanda n' Inshingano Mboneragihugu(MINUBUMWE) bwo kwirinda amacakubiri ayo ari yo yose bimakaza umuco w' Ubudaheranwa ndetse n' ubw' Ikigo gishinzwe Imikurire y' Umwana(NCDA) bw' uko abagabo bagomba gufasha abagore babo mu kurinda abana igwingira.

**This Newsletter was produced**

**by**

**Callixte NDAGIJIMANA**

**Public Relations, Media and Communication Officer**

**Contacts:**

**Email: pro@nyamagabe.gov.rw**

**Phone: +250783353060**